IMIRONGO MIGARI KU BIGANIRO BYO KWIBUKA KU NSHURO YA 19 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU RWANDA MU MWAKA W'2013

IKIGANIRO CYA I : BIMWE MU BIMENYETSO BYARANZE AMATEKA YA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU RWANDA

1. **Gusobanura amwe mu magambo mashya akoreshwa muri iyi nyandiko**

- Ibisobanuro kuri Jenoside
- Ingengabitekerezo ya Jenoside

2. **Bimwe mu byaranze ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi**

- Ubwicanyi bw'indengakamere:
  - Bariyeri hirya no hino, abantu bicishwaga imihoro, ubuhiri buteyemo imisumari, amashoka, ibyuma, ibibando, za grenade, imbunda n'ibindi.

    Ubwicanyi bwasatiriye za kiliziya, ibitaro, amashuri, imihanda
- Gutsindwa n'ikimwaro cy'Umuryango Mpuzamahanga :
  - Guteshuka ku nshingano kwa Loni
  - Ikoreshwa ry'amagambo apfobya nk'ubwicanyi bukabije
  - Uruhare rw'Ubufaransa muri Jenoside yakorewe Abatutsi
- Jenoside ihagarikwa na FPR Inkotanyi
  - Kurokora abicwaga
  - FPR yahagaritse Jenoside

3. **Uruhare rw'ubukoloni mu gusenya imibanire y'Abanyarwanda**

- Uko rwaganishije kuri Jenoside
- Gutanya no kuvangura Abanyarwanda
- Impinduka mu mibereho y'Abanyarwanda
- Gutonesha byakozwe n'Abakoloni n'Amadini

4. **Uruhare rwa Leta nyarwanda ya nyuma y'ubukoroni mu gukwiza urwango n'urugomo byakorerwaga Abatutsi**

- Gukwiza urwango n’urugomo ku batutsi
- Politiki yerekana ko Abatutsi ari ikibazo
- Ikibazo cy’impunzi
- Intambara ya FPR
- Radiyo RTLM n’ibinyamakuru
- Amasezerano ya ARUSHA

IKIGANIRO CYA II: AKAMARO KO KWIBUKA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI

1. Jenoside ni iki?

- Kugaragaza aho Jenoside itandukanye n'intambara.
- Jenoside itandukanye n'ubwicanyi busanzwe (massacres

2. Kwibuka muri rusange

- Kwibuka mu Rwanda
- Kwibuka bitumariye iki?

3. Uburyo bwo gupfobya Jenoside

Kugaragaza amayeri akoreshwa n'abahakana n'abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda muri iki gihe

Kugaragaza bimwe mubyerekana ko Jenoside yateguwe:

4. Uko kwibuka byagiye bikorwa kugeza ubu

5. Uko Jenoside ikwiye kwibukwa

- Mu rwego rw'ibikorwa
- Mu rwego rw'ubuhanga
- Mu rwego rwo gufatanya n'amahanga

6. Kwibuka twubaka igihugu cyacu

IKIGANIRO CYA III: KURWANYA JENOSIDE N'INGENGABITEKEREZO YAYO

- Jenoside ni iki?
- Bumwe mu buryo bukoreshwa muri Jenoside
- Ibitekerezo rusange kuri Jenoside
- Uko Jenoside itegurwa n'uko ishyirwa mu bikorwa (8 stages, Réseau zero, Amasasu etc)
- Umwihariko wa Jenoside yakorewe Abatutsi mu rwanda

- **Ingengabitekerezo.**

- Ingengabitekerezo ni iki?
- Uko ingengabitekerezo ya Jenoside yagaragaye mu Rwanda
- Amategeko n'amabwiriza bihana ibyaha byerekeye Jenoside mu Rwanda n'impamvu
- Uburyo bwo guhakana no gupfobya Jenoside
- Imvugo n'amagambo y' amacakubiri.

- **Ingaruka za Jenoside mu Rwanda**

- Jenoside yagize ingaruka nyinshi kandi zitandukanye mu buryo butandukanye.

- **Ingamba zo kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo.**

- Kuyirinda *(Prévention),* Guhana no gucira imanza abakoze Jenoside n'ingengabitekerezo yayo, kwibuka Jenoside etc.
- **Akamaro ko kwibuka**
- Uruhare rwa buri muturarwanda mu kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo.

IKIGANIRO CYA IV: IMFASHANYIGISHO KU BURYO BWO GUKUMIRA NO KURWANYA IHAKANA N'IPFOBYA RYA JENOSIDE

1. Ubusobanuro kuri Jenoside

- Gusobanura «Jenoside», «Ubuhakanyi bwa Jenoside»
- Uburyo bukunze gukoreshwa mu guhakana Jenoside

2. Intego

- Ikigenderewe ni ukugirango muri iki gihe icyunamo cyegereje:
- Dukangukire gukumira no kurwanya ubuhakanyi bwa Jenoside iyo buva bukagera mu Rwanda,
- Turusheho kugira uruhare mu gikorwa cyo kwibuka ,
- Twibyigishe mu miryango yacu, mu mashyirahamwe tubarizwamo n'aho dukorera ;

3. Ibimenyetso by'ubuhakanyi bwa Jenoside
4. Ingaruka z'ubuhakanyi bwa Jenoside
5. Amategko ahana icyaha cyo guhakana Jenoside
6. Ingamba zikwiye gufatwa mu kurwanya Jenoside

IKIGANIRO CYA V: IKIGANIRO KU IHUNGABANA

1. **Ihungabana ni iki?**

2. **Impanvu zibitera ni izihe?**

Gukomereka, gutemwa, Kubona aho abantu bicwa cyangwa bakomeretswa, Kumva abantu batabaza cyangwa bavuza induru, guheka intumbi cyangwa abantu bakomeretse, kwihisha mu ntumbi,gGufatwa kungufu, gusenyerwa, gutwikirwa, kwicirwa n'uwo uzi, guhunga, gutana n'abawe, guhatirwa ikibi utashoboraga kugikora.....

3. **Ibimenyetso biranga uwahungabanye ni ibihe?**

Kurota ukanuye, guhora yikanga, kubura ibitotsi cyangwa agasinzira nabi, Guhora atekereza ibyakubayeho, guhorana umushiha no kugira amahane, Kunywa ibiyobyabwenge (inzoga, itabi, urumogi), Kutagira uwo wizera, kutisukura, kuvuga amagambo menshi kandi aterekeranye.

4. **Wafasha ute umuntu wagaragaje ibimenyetso by'ihungabana**

Kuganira n'umuntu ku byamubayeho muri Jenoside, mu buhunzi no muri iki gihe.

IKIGANIRO CYA VI : TWIBUKE DUFATA INGAMBA ZO KWIGIRA MURWEGO RW'UMUTEKANO IMBERE NO HANZE Y'IGIHUGU

1. **Ibisobanuro ku nsanganyamatsiko:** "***Twibuke Jenoside yakorewe Abatutsi duharanira kwigira".***

- *" Umugabo arigira yakwibura agapfa", " Akimuhana kaza imvura ihise" :*Iyi migani yombi ivuze ko umuntu cyangwa umuryango w'abantu ukwiye kwishakamo imbaraga ukazihuriza hamwe kugira ngo witeze imbere udategereje inkunga zindi aho zava aho ariho hose.

- Mu gihe twibuka ku nshuro ya 19 Jenoside yakorewe Abatutsi, u Rwanda rwageze kuri byinshi mu nzego zose: Ubukungu, Ubutabera, Imibereho myiza, Umutekano w'Abanyarwanda n'ibyabo.

- Ibyagezweho byose ni uko Abanyarwanda bamaze kumva ko aribo bisubizo by'ibyo bifuza kugeraho byose, badateze amaboko amahanga; isomo dufite rya mbere rikomeye ni uko Abanyarwanda ubwabo aribo bafashe iya mbere mu guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu gihe amahanga yo yareberaga .

- Ubwo buryo bwo kwishakamo ibisubizo buzahoraho kandi nibwo buzatuma dukomeza kwihesha agaciro mu gihugu ndetse no m'uruhando rw'amahanga.

2. **Ibisobanuro by'amagambo**

Agaciro

- Kwihesha agaciro bigaragarira mu ndangagaciro: umutimanama, ubumuntu, urukundo, kuvugisha ukuri, gushyira mu gaciro, ubunyangamugayo, ubudahemuka, kwiyubaha, kwakira abakugana, kudasumbanya abantu, kudatererana abari mu kaga, kwizigama, guhanga udushya , kwitanga bihebuje n'ibindi.

Kwigira

- Kwigira kw'Abanyarwanda ni ugukunda igihugu cyabo bakikuramo umuco wo gutegereza inkunga za bazungu no guhora bahanze amaso hanze gusa.
- Kwishakamo igisubizo gikwiye agendeye ku muco w'ubunyangamugayo, ubuhanga n' ubushishozi, ubupfura , ubutabera , urukundo, ubunyakuri, intangarugero kandi agahora ashaka icyatuma yiteza imbere ndetse bikagera no ku bandi aharanira kwibeshaho no kwiteza imbere muri byose.

Iterambere

- Indangagaciro zo kwigira no kwihesha agaciro ni zo zituma habaho iterambere rirambye. Iterambere rirambye ni irifasha abaturage b'igihugu muri ibi bikurikira:

  - Kugira iby'ibanze bakenera cyane cyane umutekano n'ibindi.
  - Kugira ubushobozi n'uburyo bwo kugira imibereho myiza
  - Guha ubushobozi n'amahirwe y'abazabaho mu bihe bizaza
  - Iterambere rirambye rirushaho kuba ryiza iyo abaturage bose babigizemo uruhare.
  - Iterambere rirambye ntirigira umupaka
  - Gusuzumira hamwe buri gihe ibyiza bigerwaho no kunenga ibibi
  - Ibi byose akaba ariyo ntera nziza Abanyarwanda tugezemo yo kwigira no kwihesha agaciro, tuganisha mukerekezo 2020 tubifashijwemo n'umutekano usesuye

3. Ingamba zo kwigira mu rwego rw'umutekano imbere mu gihugu no hanze yacyo

- Ubufatanye bw'abaturage n'inzego z'umutekano, guhanahana amakuru, kurinda ubusugire bw'igihugu

Abaturage

Mu rwego rwo gukomeza kwigira no kwihesha agaciro, abaturage bagomba gukora ibi bikurikira:

- Kumenya ibishobora guhungabanya umutekano wabo aho batuye(kumenya abanywa, abacuruza n'abakwirakwiza ibiyobyabwenge; inzererezi , indaya, abajura n'abandi).
- Kwirinda gukoresha indangurura majwi zisakuriza abandi.
- Kwitabira gahunda zose za leta (gutanga ubwishingizi mukwivuza, gukora amarondo, kohereza abana bagejeje igihe mu itorero ryo k'urugerero, n'ibindi).
- Gutanga amakuru arebana n'umutekano ku nzego z'ibanze n'abashinzwe umutekano kandi ku gihe.
- Kwirinda amakimbirane ayo ariyo yose
- Kugira imibanire myiza mu miryango, kubana neza n'abaturanyi ndetse nabo mu bindi bihugu cyane nyane ibyo mu karere dutuyemo.
- Kumenya abantu bose batuye mu Mudugudu hakoreshejwe **ikaye y'umudugudu**.
- Gufatanya n'inzego z'ibanze gukora mukugaragaza ahakunze kubera ibyaha (**Crime Maping)** ku nzego z'ibanze.
- Buri muturage agomba kuba ijisho rya mugenzi we aho atuye mu mudugudu.

Polisi y'Igihugu

Polisi y'igihugu izakomeza gushimangira ibi bikurikira:

- Guha imbaraga n'ubushobozi abaturage mu kwicungira umutekano imbere mu gihugu mu rwego rwo gukomeza kwigira binyuze muri **community policing**.
- Guha abaturage amahugurwa ajyanye no kwibungabungira umutekano

Community Policing Committees.

- Gufasha inzego z'ibanze kureba imikorere y'amarondo n'uburyo za raporo zitangwa.
- Gukumira no guhashya ibishobora guhungabanya umutekano

- Kurwanya ibisindisha n'ibiyobyabwenge
- Gukomeza gutanga amahugurwa atandukanye mu bapolisi
- Polisi y'igihugu izakomeza guhesha ishema igihugu no hanze yacyo no gushakira amahoro ibindi bihugu ndetse no kubyigisha (Haiiti, Lyberia, Sudan na Sudan y'amajyepho.)
- Gukomeza imikoranire myiza hagati yaza Polisi z'ibindi bihugu cyane cyane ibyo mukarere.

- Kugira uruhare mu gukumira no kurwanya ibyaha.
- Kurinda umutekano w'abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi .
- Gukumira no kurwanya ibyaha byo gupfubya n'ingengabitekerezo yayo

Ingabo z'igihugu

- Ingabo z'igihugu mu kubungabunga umutekano w'igihugu zirinda icyahungabanya aho cyaturuka hose, haba imbere mu gihugu cyangwa hanze yacyo;
- Ibikorwa byo gufasha mu iterambere ry'igihugu mu nzego zose cyane cyane mu buvuzi , ubwubatsi, kurwnya ibiza n'ibindi.
- kugira ngo dukomeze kwigira no kwihesha agaciro hashimangirwa ibi bikurikira:

- Kurinda umutekano n'ubusugire bw'igihugu.
- Gukomeza gukora amahugurwa agendanye n'igisirikare cy'umwuga.
- Gukomeza kugira uruhare mu bikorwa by'iterambere (umuganda rusange, kurengera ibidukikije , kurwanya ibiza n'ibindi).
- Kugira imikoranire myiza hagati y'ingabo z'ibihugu by'abaturanyi.
- Gufatanya n'izindi ngabo mu kugarura umutekano aho wahungabanye.
- Gukumira no kurwanya ibisindisha, ibiyobyabwenge, inzererezi, abajura n'ibindi byose bishobora kuba intandaro y'umutekano muke.

4. Ingamba zifatwa mugihe cyo kwibuka

- Polisi yigihugu yegera ahabereye igikorwa cyo kwibuka Jenoside
- Gukomeza gukangurira abaturage kwicungira umutekano, banakomeza gutanga amakuru ku nzego zose z'umutekano.

IKIGANIRO CYA VII: TWIBUKE DUFATA INGAMBA ZO KWIGIRA MU RWEGO RW'IMIBEREHO MYIZA

Intangiriro

1. Amateka yaranze imibereho y'Abanyarwanda mbere na nyuma ya Jenoside

Mbere y'Ubukoloni

- Igihugu gifite Ubutegetsi buhamye kandi bwubashywe n'Abanyarwanda n'Abanyamahanga
- Ubwigenge mu bukungu
- Ubwigenge muri Politiki
- Ubwigenge mu muco
- Ubumwe

Mu gihe cy'Ubukoroni

- U Rwanda rwambuwe ubwigenge bwose
- Amacakubiri yaratangiye
- Kwangisha abandi Abatutsi
- Politiki ya PARMEHUTU
- Ubuhunzi n'ibindi

Nyuma y'ubwigenge na mbere ya Jenoside

- Gushimangira amacakubiri mu Rwanda imbere n'abari hanze

2. Jenoside n'ingaruka zayo

- Gusenya Igihugu
- Kwica abantu benshi
- Abatishoboye
- Abapfakazi
- Impfubyi
- Abamugaye
- Impunzi
- Abacitse ku icumu etc

3. Gahunda y'imibereho myiza

- Ubumwe n'Ubwiyunge
- Amahirwe angana
- Gufasha abacitse ku icumu batishoboye: FARG
- Gufasha abacitse ku icumu muri rusange
- Vision 200
- Ubudehe
- Umurenge SACCO
- Umuganda

- Gira inka
- Mutuelle de Sante
- Uburezi
- Imiturire mu cyaro

4. Umwanzuro

Umuco wo kwigira mu mibereho myiza ushimangiwe n'Agaciro Development Fund no kwishakamo ibisubizo

IKIGANIRO CYA VIII: TWIBUKE DUFATA INGAMBA ZO KWIGIRA MU RWEGO RW'IMIYOBORERE MYIZA

1. INTANGIRIRO

- Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 yatewe n'imiyoborere mibi
- Jenoside yahagaritswe n'Abanyarwanda ubwabo (Ingabo zahoze ari iza FPR/Inkotanyi),
- Guverinoma y' ubumwe bw'Abanyarwanda yahanganye n'ingaruka zatewe na Jenoside
- Ingamba zo gusohoka mu bibazo by'ingutu: Gushyiraho ubuyobozi bufite icyerekezo, bwimakaza ubumwe bw'abanyarwanda, Imiyonborere myiza, Ubutabera, kubaha Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu nta gutegereza akimuhana
- Imitekerereze yo mu Rwanda rwo hambere : **Akimuhana kaza imvura ihise**" n'ibindi.
- Imitekerereze ya Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda : guhuza imbaraga kw'abanyarwanda, bishingiye ku buyobozi bwimakaza imiyoborere myiza, Abanyarwanda ubwabo bakishakamo ibisubizo by'ibibazo,

2. IKIGAMIJWE

- Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994 himakazwa indangagaciro yo kwigira no kwihesha agaciro;
- Kugira imyumvire imwe ku ndangagaciro yo kwigira no kwihesha agaciro;
- Kugaragaza no kwishimira ibimaze kugerwaho mu miyoborere myiza hagamijwe kwigira no kwihesha agaciro;
- Kugaragaza uruhare rwa buri munyarwanda wese mu kugira ngo Igihugu cyiheshe agaciro kandi cyigire nta gutegereza akimuhana;
- Gushishikariza Abanyarwanda kugira uruhare mu miyoborere myiza y'Igihugu cyabo;
- Gusobanurira Abanyarwanda ko bagomba guharanira iterambere ry'imiryango yabo.

3. IBISOBANURO BY'AMAGAMBO

- ***KWIGIRA***
  - Kongerera Ubushobozi Igihugu bwo kwishakamo ibisubizo ku byifuzo cyangwa n'ibibazo gifite, gukoresha neza umutungo w'Igihugu mu gukemura ibibazo nyamukuru by'imibereho myiza, iterambere na politiki; Abaturage basobanukirwa neza ko batagomba kubeshwaho n'abandi kandi bikaba n'umuco wo kwiyubaha;
  - Kwigira biganisha ku ishema ry'Igihugu, bikubaka icyizere n'icyubahiro mu baturage ndetse n'Igihugu

- ***IMIYOBORERE MYIZA***
  - Kwegereza Ubuyobozi n'ubushobozi abaturage;
  - Guha abaturage umwanya wo kugira uruhare mu miyoborere y'Igihugu cyabo;
  - Ubwisanzure mu bitekerezo;
  - Gukorera mu mucyo;
  - Kugaragariza abaturage ibibakorerwa;
  - Kudaheza
  - N'ibindi

4. IBIMAZE KUGERWAHO MU RWEGO RWO KWIGIRA MU MIYOBORERE MYIZA

Muri ibyo twavuga:

- Kwegereza Ubuyobozi n'Ubushobozi Abaturage
- Ikigo cy'Igihugu gifasha Uturere mu gushyira mu bikorwa imishinga minini ifite impinduka ku mibereho n'iterambere ry'abaturage
- **I**huriro ry'Abafatanyabikorwa mu iterambere JADF mu Turere twose n'Imirenge
- Ikigo cy'Igihugu cy'Imiyoborere gikurikirana umunsi ku munsi ishyirwa mu bikorwa ry'ibipimo by'imiyoborere myiza mu Rwanda" **Rwanda Governance Board**";
- AGACIRO DEVELOPMENT FUND
- Inama y'Igihugu y'Umushyikirano
- Gahunda y'Imihigo kuva ku rwego rw'Umuryango kugeza ku rwego rw'Uturere
- Amatsinda atandukanye yo gukurikirana imitangire ya serivisi mu nzego zose;
- Itorero ry'Igihugu kuva ku Mudugudu kugeza ku rwego rw'Igihugu
- Gahunda y'Urugerero
- Politiki y'Ubukorerabushake;
- Amategeko agenga imikorere y'Imiryango itari iya Leta n'amadini
- Amategeko agenga itangazamakuru,
- Amashuri y'imyuga mu Turere (TVET)
- Gahunda zinyuranye z'amajyambere rusange zirimo gahunda ya « Girinka Munyarwanda », «ubudehe», « vision 2020 Umurenge »; n'ibindi

5. INGAMBA ZO GUKOMEZA KWIGIRA NO KWIHESHA AGACIRO

- Gukomeza kwishimira ibikorwa byinshi bimaze kugerwaho
- Kurangwa n'ubumuntu aho turi hose;
- Gukomeza kwigisha no gusakaza mu miryango, mu mashuri , mu bakuru, mu rubyiruko indangagaciro zo kwigira no kwihesha agaciro;
- Gukomeza kwimakaza imyoborere igamije iterambere;
- Gukomeza kwikemurira ibibazo nta gutegereza abandi;
- Kwitabira gahunda yo kwihuriza hamwe mu makoperative;
- Gukorana n'ibigo by'imari n'amabanki;
- Gukunda umurimo no gukora cyane ;
- Kurangwa n'ubunyangamugayo, kwiyubaha no kugira imyitwarire n'imyifatire myiza;
- N'ibindi.

6. UMWANZURO

Buri munyarwanda wese agomba guharanira kwigira no kubaho neza.

KIGANIRO IX: TWIBUKE DUFATA INGAMBA ZO KWIGIRA MU RWEGO RW'UBUTABERA

INTANGIRIRO

- Ingaruka za Jenoside
    - Gusenyuka kw'inzego z'igihugu
    - Gusenyuka k'umuryango nyarwanda

I. IBIBAZO MU RWEGO RW'UBUTABERA NYUMA YA JENOSIDE

- Nta mategeko ahana icyaha cya Jenoside yari ahari mu Rwanda;
- Abenshi mu bakozi b'inkiko n'ubushinjacyaha bari barishwe muri Jenoside abandi barahunga ;
- Inyinshi mu nyubako inkiko n'ubushinjacyaha byakoreragamo zari zarasenyutse ;
- Amadosiye n'ibindi bikoresho byarangiritse.

II. INGAMBA ZAFASHWE ZIGAMIJE GUCA UMUCO WO KUDAHANA MU RWANDA

A. Ivugururwa ry'inzego z'ubutabera muri rusange

- Guhuza amategeko n'Itegeko Nshinga ryari rimaze gutorwa mu mwaka wa 2003 ;
- Gushyiraho ubutabera bwegereye abaturage kandi bafitemo uruhare;
- Kwihutisha iburanisha n'icibwa ry'imanza;
- Gukemura ikibazo cy'ubucucike bw'imanza mu nkiko ;
- Gushakira inzego z'ubucamanza aho zikorera heza n'abakozi babifitiye ubushobozi;
- Gutuma inkiko n'Ubushinjacyaha bigira ubwigenge mu micungire y'imari n'abakozi;
- Guteza imbere ishoramari (hashyizweho inkiko z'ubucuruzi), n'ibindi…

B. Inkiko Gacaca

- Imanza zari kuzamara imyaka myinshi cyane
- Hatekerejwe ***Inkiko Gacaca*** hagamijwe **ubutabera bwunga, butuma Abanyarwanda bongera kubana mu mahoro.**
- Impamvu zatumye u Rwanda rutekereza Inkiko Gacaca :
    - kwihutisha imanza,
    - gushyira ukuri ahagaragara,
    - gukoresha amafaranga make
    - guca umuco wo kudahana no
    - kugaragaza ubushobozi bw'Abanyarwanda bwo kwikemurira ibibazo ubwabo.

- Inkiko Gacaca ni kimwe mu bikorwa Abanyarwanda bagaragarijemo **kwigira**

- Inkiko Gacaca zatangijwe ku mugaragaro mu mwaka wa 2002, itegeko rizishyiraho ryatowe muri 2001.
- Imirimo y'Inkiko Gacaca yashojwe ku mugaragaro kuwa 18 Kamena 2012
- zaburanishije ***hafi abantu miliyoni ebyiri*** bakekwagaho uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi.
- Umusaruro w'Inkiko Gacaca urenze kure uw'Urukiko mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda (ICTR) rukorera Arusha rwagezeho mu myaka 16 yose (1995-2011):
    - Rwaburanishije imanza zitarenze 50,
    - Rwahawe ubushobozi bwinshi bw'amafaranga n'abakozi:

III. INGAMBA Z'IGIHE KIRI IMBERE

A. Gusoza ibitararangijwe na Gacaca

- Hatowe Itegeko Ngenga n^{o} 04/2012/OL ryo ku wa 15/06/2012 rikuraho Inkiko Gacaca rikanagena uburyo bwo gukemura ibibazo byari mu bubasha bwazo.

B. Guharanira kohererezwa abakekwaho Jenoside bari hanze y'u Rwanda no guhora twiteguye kwakira imanza za ICTR igihe izaba icyuye igihe

- Jenoside yakorewe Abatutsi ni icyaha cyakorewe mu Rwanda
- Kohererezwa dosiye z'abakurikiranyweho Jenoside bafungiye Arusha cyangwa bagishakishwa.
- Kwitegura kwakira imanza zituruka hanze ku ruhande rw'u Rwanda
    - Ivugururwa ry'amategeko
    - Kongera ubushobozi bw'inkiko.
    - Hashyizweho (Gashyantare 2012) Urugereko rwihariye rw'Urukiko Rukuru rw'ibyaha mpuzamahanga n'ibyambuka imipaka

IV. UMWANZURO

- Nyuma y'imyaka 19 Jenoside ihagaritswe, tumaze gukora byinshi bishimishije, kandi bishingiye ku kwitanga n'umurava w'Abanyarwanda.

IKIGANIRO CYA X . URUHARE RW'UMUCO NYARWANDA MU KWIBUKA NO GUFASHA IGIHUGU KWIGIRA

1. **Intangiriro**:

- Jenoside nk'ingaruka zo guta indangagaciro z'umuco nyarwanda
- Umuryango igicumbi cy'umuco
- Indangagaciro na kirazira
- Gucika kwa kirazira n'ingaruka zabyo

2. **URUHARE RW'UMUCO NYARWANDA MBERE Y'UMWADUKO W'ABAZUNGU**

- Akamaro k'umuco nyarwanda: Umuco ni ishingiro ry'ubumuntu, inkingi fatizo y'amajyambere arambye
- Umuco icyo ari cyo : Ikintu cy'urusobe gikubiyemo byinshi, ubumenyi, iyobokamana, ubugeni, ubupfura, amategeko, imigenzo n'ibindi
- Ibyari bihuje Abanyarwanda:
  - Umuco ni ukuvuga imico, imihango, imigenzo, imiziririzo, ubugeni, ubukorikori, ubuvanganzo, imbyino, ubuvuzi bw'abantu n'ubw'amatungo, bagahuzwa n'ururimi rw'ikinyarwanda.
  - Kwemera Imana imwe, kubaha abakurambere,
  - Urukundo bakundaga u Rwanda (patriotisme/patriotism rwashingiraga ku kuba bahuje ururimi. N'ibindi
- Ibyaranze Abanyarwanda mbere y'umwaduko w'abazungu: ubwangamugayo, ishyaka no kwanga kurushwa, kuvugisha ukuri kabone n'iyo wakuzira, ubwitange buhebuje no kwihesha agaciro.

3. **URUHARE RW'UMUCO NYARWANDA MU KWIBUKA**

- Ibikorwa bijyanye no kwibuka bishingira cyane ku murage w'abasokuru dukomora mu muco nyarwanda.
- Ibikorwa mu rwego rwo kwibuka
- Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi bijyana no gutanga ubutabera
- Kwibuka abazize Jenoside tunazirikana intwari zayihagaritse

4. **URUHARE RW'UMUCO NYARWANDA MU GUFASHA IGIHUGU KWIGIRA**

- Kwifashisha umuco nyarwanda mu kubaka Igihugu kirangwa n'ituze n'iterambere birambye
- Ibintu tugomba kuzirikana kugira ngo dukemure ibibazo burundu:
  - Kumva ko gukemura ibibazo duhura nabyo ari inshingano yacu nk'abayobozi mbere na mbere, ariko n'Abanyarwanda muri rusange.
  - Kumva ko dufite ubushobozi bwo gukemura ibyo bibazo
  - Guhaguruka tugakora, tuzi ko twikorera.
  - Kwigira k'u Rwanda cyangwa kw'Abanyarwanda bigomba gushingira ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda:
  - Ururimi rwacu, ubufatanye, ubusabane, urukundo, kunyurwa, gutabarana, kubaha, kwiyoroshya, kujya inama, kubaha amasezerano, kuvugisha ukuri, gushima no gushimira, ubudahemuka, kwihangana, ubworoherane, ubushishozi, kuba intabera, kwanga umugayo n'ibindi.

UMWANZURO

Bigaragara ko izi ndangagaciro z'umuco nyarwanda arizo soko yavomweho intego za Repubulika y'u Rwanda arizo "**Ubumwe, Umurimo no gukunda Igihugu**" zikwiye rero gushyirwa mu mfashanyigisho no mu nteganyanyigisho, kuzitoza abanyarwanda binyuze mu matorero, mu bitangazamakuru, mu nyigisho z'abanyamadini, mu nama zitandukanye nk'izihuza abantu mu midugudu batuyemo, ababyeyi mu ngo iwabo, ihuriro ry'urungano, abikorera, imiryango itegamiye kuri Leta, kubyandika ku byapa n'ahandi hose hahurira abantu benshi.

Hari ibikorwa byinshi bya Leta y'u Rwanda byo gushimwa : Igikorwa cy'intore z'abanyeshuri ziri ku rugerero, ibikomeje kugerwaho bishingiye kuri gahunda twavomye mu muco nyarwanda harimo gahunda y'Ubudehe, gahunda ya Girinka munyarwanda, Gacaca, Umuganda, Imihigo, Abunzi, Ubusabane n'izindi zikubiye ku ndangagaciro z'ubumwe, ubufatanye, gukunda igihugu, kugaba, kuremera, kwitura, gutabarana n'ibindi….

IKIGANIRO XI: URUHARE RW'URUBYIRUKO MU KWIBUKA JENOSIDE

RUHARANIRA KWIGIRA

1. IRIBURIRO

- Urubyiruko ni abantu bari mu cyiciro cy'ubukure kizwiho:
  - Kugira imbaduko ijyanye n'amaboko asobetse imbaraga;
  - Gukungahara ku bitekerezo
  - Kugira imyumvire ijyanye n'ibihe by'ubuzima ruba rugezemo.
- Ingaruka zo kudakoresha neza ingufu z'urubyiruko
- Ibyaranze urubyiruko rwa mbere ya 1994:
  - Ubukene buvanze n'ubujiji nta na gahunda zifatika z'iterambere zirugenewe ziriho.
  - Abanyapolitiki barwitabazaga kenshi mu gushyira mu bikorwa no gukwirakwiza politiki y'ivangura
  - Ibikorwa by'urugomo birangajwe imbere cyane n'amashyaka ya politiki.
  - Urubyiruko rw'Abatutsi rwahejwe ku mahirwe
  - Igice kitari gito cy'urubyiruko rwari rwarahejejwe hanze y'Igihugu
- Kwibuka nk'urubyiruko bidusaba kuzirikana : ku ruhare rw'urubyiruko mu gukora Jenoside, mu kuyihagarika, mu guhindura amateka, mu kwitabira ibikorwa byo kwibuka, mu kuzirikana ku barokotse Jenoside no guharanira kwigira.

2. URUHARE RW'URUBYIRUKO MURI JENOSIDE

- Ibikorwa by'urubyiruko muri Jenoside
- Mu gihe cya Jenoside, tuhasanga urubyiruko ruteye rutya:
  - Urubyiruko rwahigwaga kubera kwitwa Abatutsi;
  - Urubyiruko rwitabiriye rwivuye inyuma guhiga, gutoteza no kwica Abatutsi no kwibasira ibyabo cyane cyane imitungo;
  - Urubyiruko rwari ku rugamba rurwanira kubohoza u Rwanda urundi rurwanira ko ubutegetsi bwariho bukomeza;
  - Urubyiruko rwari mu gihugu ruraho rurebera ibiba;
  - Urubyiruko rwagize ubutwari bwo guhisha bagenzi barwo bicwaga
  - Urubyiruko rwari hanze y'igihugu.

3. URUHARE RW'URUBYIRUKO MU GUHAGARIKA JENOSIDE

- Kurwana urugamba rwo kubohora u Rwanda:
- Kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside
- Kugira uruhare mu butabera
- Kwimakaza umuco w'ubumwe n'ubwiyunge:

4. URUHARE RW'URUBYIRUKO MU GUHINDURA AMATEKA

- Gukosora amateka yaranze igihugu cyacu ruca burundu ivangura ry'amoko, uturere, n'ibara ry'uruhu…
- Kugaragaza ibyabaye haba mu nyandiko, mu majwi n'amashusho mu rwego rwo guharanira ko ibyabaye bitakwibagirana

- Kunyomoza abapfobya Jenoside hifashishijwe uburyo bunyuranye nk'imbuga mpuzambaga no gukora ubushakashatsi kuri Jenoside.

5. URUHARE RW'URUBYIRUKO MU KWIBUKA JENOSIDE

- Kwitabira ibikorwa bisanzwe bikorwa mu gihe cyo kwibuka:

- Gusukura inzibutso
- Kwitabira ibiganiro
- Gukora urugendo "Walk to Remember" mu gihugu hose
- Gusura imfubyi n'abapfakazi ba Jenoside no kubahumuriza no kubafasha muri gahunda kwigira
- Gusura inzibutso biga amateka kandi baharanira ko ibyabaye bitakongera ukundi
- Kwirinda imvugo zikomeretsa
- Urubyiruko rurashishikarizwa kumenyesha urubyiruko rw'ahandi ububi bwa Jenoside

6. .UBUTUMWA BWIHARIYE KU RUBYIRUKO RWAROKOTSE JENOSIDE

- Kwigiramo icyizere
- Gukoresha imbaraga zisumbye iz'abandi baharanira kwiteza imbere
- Gukangukira ubumenyi bwo rufunguzo rw'ubukire bw'ubu n'ejo.

7. URUHARE RW'URUBYIRUKO MURI GAHUNDA YO KWIGIRA

- Urubyiruko rurasabwa kwigira ruharanira kuba indashyikirwa mu guhanga udushya, kwiteza imbere
- Ubujene ni igihe urubyiruko rukwiye gutahura hakiri kare igikenewe mu iterambere ry'aho batuye no kugira ubushobozi bwo kwifatira ibyemezo bigamije gutanga ibisubizo byacyo haherewe ku bushobozi bifitemo;
- Urubyiruko rurasabwa kutiganda rukagira imyumvire njyabukire
- Urubyiruko rugomba gucika no guca ibikorwa by'urugomo
- Urubyiruko rugomba kuba magirirane, abize bagahugura abatize buri wese akigira ku wundi.
- Urubyiruko rwigize rwitabira gahunda z'iterambere Leta ishyiriraho abaturage, gukunda igihugu no kwitabira ubukorerabushake.
- Ntawigira afite ubuzima bubi : Siporo, imyidagaduro n'ibindi

UMWANZURO

- Gukangurira urubyiruko kutiheba, kuba imbaraga z'uyu munsi n'iz'ejo rwigirira icyizere, kudatererana abacitse ku icumu, kwitabira imihango yo kwibuka.

IKIGANIRO XII : URUHARE RW'ABAGORE MU KWIBUKA NO KUBAKA IGIHUGU KIGAMIJE KWIGIRA

1. INTANGIRIRO

- Ibisobanauro ku nsanganyamatsiko

2. KWIBUKA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU RWANDA

- Akamaro ko kwibuka:
  - Kubaka u Rwanda rwitandukanya burundu na Jenoside n'ibijyanye nayo byose.
  - Kwamaganira kure ibintu byose byakurura inzangano mu banyarwanda.
  - urwanya politiki yose ibiba amacakubiri, inzangano n'umwiryane mu banyarwanda, kuko ari bene izo nyigisho zabyaye genoside.
  - Kutazongera kugwa mu mutego twagushijwemo n'ubuyobozi bw'igitugu.
  - Kwamagana umuco mubi wo kudahana (impunité), tukimakaza umuco w'ubutabera.
  - Kwiyubakamo imbaraga zituma dufata gahunda yo kujya mbere kurushaho

3. INGARUKA ZA JENOSIDE KU BAGORE

- Ingaruka ziremereye ku bagore n'abakobwa: bicwaga urubozo bamaze gushinyagurirwa bafatwa ku ngufu byabaviriyemo urupfu n'abarokotse muri bo bakaba barandujwe icyorezo cya SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.
- Kwicirwa abana, abagabo, ababyeyi , abavandimwe mu maso yabo kugira ngo babaze.

➢ Inzego zifasha gukurikirana ibibazo byose by'abacitse ku icumu no kubishakira ibisubizo (IBUKA, FARG, CNLG) ,…

4. URUHARE RW'ABAGORE MU KWIBUKA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI

- Kwiteza imbere aho gushyira amaboko mu mifuka bategereje ababafasha.
- Kwigirira icyizere bumva ko ubuzima bwiza bushoboka.
- Abanyarwanda baravuga ngo "Akimuhana kaza imvura ihise":
- Kwishakamo ibisubizo, gutangira imishinga ibyara inyungu, ubuhinzi n'ubworozi bya kijyambere, kugana ibigo by'imari, ubucuruzi, kugana amashuri y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga,…

Mu kwibuka Jenoside, abagore bagomba :

- Gufasha abantu kwemera ko mu Rwanda habaye Jenoside no guharanira ko itazongera kubaho ukundi ;

- Kwirinda guhakana cyangwa gupfobya Jenoside no gusobanurira abataramenya ukuri

- Gufasha abacitse ku icumu bafite intege nke

- Gutoza abana koroherana no gukunda abandi n'igihugu.

- Gufasha abagifite ingengabitekerezo ya Jenoside guhinduka,

- Kurangwa n'imitekerereze, imyumvire, imikorere n'imyitwarire izira ivangura iryo ari ryo ryose mu bikorwa bya buri munsi ;

- Kurera abana mu rukundo mu ndangagaciro z'umuco nyarwanda, babarinda amacakuburi n'urugomo kuko icyo umwana yigishijwe na nyina agifata nk'ihame.

- Gutoza abana n'abo mu rugo bose, abaturanyi, abo bakorana n'abo babana mu makoperative kubahiriza uburenganzira bw'abandi no kwirinda ivangura iryo ariryo ryose.

- Kwita ku bahungabanye no kubafasha kugera ku butabazi bw'ibanze.

- Gushishikariza abagore bose n'abagore bacitse ku icumu kwibumbira mu makoperative, gukorana n'ibigo by'imari cyane Umurenge SACCO

Abagore kandi bagomba kugira uruhare muri ibi bikurikira:

- Gufata neza inzibutso bazikorera isuku no kubungabunga ibimenyetso bya Jenoside,
- Gufata mu mugongo abacitse ku icumu (inshike, imfubyi n'abapfakazi) cyane cyane mu gihe cyo kwibuka no mu bindi bihe,
- Gukumira no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside mu miryango,
- Gukangurira ababyeyi gukumira amakimbirane no kwikemurira ibibazo binyujijwe mu mugoroba w'Ababyeyi.
- Gutoza abana ishyaka ryo gukunda igihugu , kugikorera no kubashishikariza guhanga imirimo, bagamije kubaka igihugu, bityo bakihesha agaciro bakagihesha n'igihugu cyababyaye.

UMWANZURO

Abagore nk'umutima w'urugo, bagomba no kuba umutima w'igihugu, bakaba umusemburo w'amahoro, kwibuka bikaba umwanya wo kwishakamo imbaraga zubaka igihugu kandi bigamije gukomeza ibyo tumaze kugeraho kugira ngo Abanyarwanda twese, ntawe usigaye twubake igihugu kigamije kwigira.

IKIGANIRO CYA XIII: URUHARE RW'AMADINI N'ABAYOBOKE BAYO N'IMIRYANGO ITEGAMIYE KURI LETA MU KWIBUKA NO GUFASHA IGIHUGU KWIGIRA

1. IRIBURIRO

- Ingaruka za Jenoside
  - Gusenyuka kw'igihugu
  - Gusenyuka k'umuryango nyarwanda
  - Ubukene n'indwara

2.- Abayobozi beza
- Kwishakamo ibisubizo
- Abandi baza kutwigiraho
- Amadosiye n'ibindi bikoresho byarangiritse.

7. - Abanyarwanda benshi bari mu madini
- Imiryango itegamiye kuri Leta ni myinshi
- Bamwe mu bayobozi n'abayoboke b'amadini n'imiryango itegamiye kuri Leta bagize uruhare muri Jenoside
- Nyuma ya Jenoside ariko bagize uruhare mu bintu binyuranye :
  - Ubumwe n'ubwiyunge
  - Isanamitima
  - Kwicuza no gusaba imbabazi
  - Gufasha muri Gacaca
  - Kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo
  - Mu burere n'uburezi
  - Kurwanya ubukene
  - Ibikorwa remezo

8. - Mu gihe cyo kwibuka buri wese akwiye kuba igisubizo aho kuba ikibazo
- Amadini afite abayoboke benshi bashoboye
- Barusheho kwitabira Agaciro Development Fund (AgDF)
- Babe inkingi ikomeye mu kwibuka no kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo
- Basenge ariko bakora n'ibikorwa bifatika harimo no gufasha abarokotse Jenoside
- Tugire igihugu kitavogerwa.